# Bugesera : Bibye imbwa barazirya none baciwe ihazabu ya miliyoni

Yanditswe kuya 22-02-2012 - Saa 13:30' na Rachel Mukandayisenga

*Abagabo batanu bo mu Kagali ka Nyabagengwa, Umurenge wa Rilima mu Karere ka Bugesera ho mu ntara y'Uburasirazuba baciwe ihazabu ya miliyoni imwe y'amafaranga y'u Rwanda kubera kurya imbwa n'ihene by'uwitwa Gatera Jean Bosco.*

Aba bagabo uko ari batanu bashinjwa kurya imbwa ebyiri n'ihene imwe z'umuturage wo muri aka karere ka Bugesera witwa Gatera Jean Bosco nk'uko KigalitoDay dukesha iyi nkuru ibitangaza.

Iki gihano, aba bagabo bagiciwe n'Inteko y'Abunzi bo muri kano gace kubera amatungo bibye bakarya inyama zayo izindi bakazigurisha.



Abagabo batanu bahamwe n'icyaha cyo kwiba imbwa bakazirya

N'ubwo ariko nyiri aya matungo yahawe amande angana atya, we yari yasabye ko bamwishyura miliyoni imwe n'ibihumbi 500, akubiyemo ibiciro yari yahaye buri tungo, amafaranga y'ingendo yakoraga ajya gutanga ikirego n'ay'indishyi y'akababaro.

Iki kibazo cyo kurya inyama z'imbwa cyagaragaye mu ntangiriro z'ukwezi kwa Mbere 2012 ubwo abanyerondo bagwaga igitumo aba bagabo bagasanga barimo kurya inyama z'imbwa.

Aba bagabo ni Habinshuti Emmanuel, Hagenimana James, Nzakizwanimana Yofesi bahimba Mabuye, Ndagijimana Alexis na Nzabihimana Alphonse.